They that can give up essential liberty to obtain a little temporary safety deserve neither liberty nor safety.
Benjamin FRANKLIN

IJAMBO

N° 39 Fax : (250) 7 6574 Tél 7 2695 B.P. 2154 KIGALI Cpte BCR 25 222/02 Avecom

00 Fr HANGIMANA Fr. Xavier : Rédacteur en Chef Tél. : 7 4886

ive me liberty,
give me death"
trick HENRY

Aho kunigiwa n'ijambo uzanigwe n'uwo uribwiye

KAREMERA aracyabatsinda BIREKERAHO na HABARUSHAKA nibemere bakure ubusa bwabo muri S.G.P. batanduranije cyane

U Bugoyi

Ibimenyetso simusiga bishinja Perefe wa Gisenyi

Musenyeri MISAGO yikorewe n'abapadiri b'abatutsi

urukiko na Perezida. Sinarangiza ibya RUKOKOMA ntavuze uwo yita MANIRAGUHA J. de Dieu, tutazi cyangwa inama yo ku ya 29.12.91 aho kuvuga iyo ku ya 29.11.91.

Si RUKOKOMA gusa. Na KAMARAMPAKA N°5 du 10 décembre 1991 yasohotse ku ya 07.12.91 yarihandagaje ngo **"KAREMERA Boniface wo muri S.G.P. yaba ashaka guhunga"**. Ahunga ibye se ? None se yabuze inyandiko z'inzira ?

Sinabura kurangiza mbibutsa ko biriya binyamakuru (KANGURA, KAMARAMPAKA) ari iby'abakiga nkabo baburanira (BIREKERAHO, HABARUSHAKA); bigakubitiraho ko byandikwa na zimwe mu njiji dufite mu itangazamakuru (NGEZE wa KANGURA, FAIDA Justin wa RUKOKOMA na MUKINGO Bernard wa KAMARAMPAKA). Sinabura no kwerekana ko n'uwiyita injijuke, umukiga GAHIGI Gaspard wo mu MURWANASHYAKA yaguye mu mutego w'akazu, nako w'igisharagati. Uriya GAHIGI ni umunyabyumba nka BIREKERAHO na HABARUSHAKA. Igihe twibaza ukuntu ikinyamakuru cy'ishyaka M.R.N.D. nacyo cyatinyuka gushyigikira amatiku, musome bimwe mu by'UMURWANASHYAKA (basigaye bita UMURWANYASHYAKA) mu nyandiko **"Rumiya igiye kumira S.G.P.: miriyoni 75 zibwe zirakora akantu !"**.

Muri iyo nyandiko yasohotse mu matariki ya 31.12.91 mu MURWANYASHYAKA n°16 ku rupapuro rwa 23 aratubwira ko KAREMERA yibye 123.282.427 Frw nyuma ati bemejwe ko harigishijwe 75.197.989 Frw, ntatinyuke ngo yerure avuge ko kuba baremeje umubare muto ari amatiku, ko ari umu... ari umunini byose ari ibyo bahimbira KAREMERA. Ubwenge bw'uriya GAHIGI bugaragaza aho yihanukira ngo **"HABARUSHAKA na BIREKERAHO banga KAREMERA mu rukiko rwa imanza zihutirwa,..."** Urwo rukiko ntirubaho, keretse mu mutwe w'iriya njijuke. Ikibaho ni umu... manza ushinzwe ibirego byihutirwa. Twageragaje kubereka ko biriya binyamakuru by'abakiga byasohoye inyandiko zishyigikira abakiga bene wabo. Ushaka ukuri yimere inyandiko zikurikira, arebe aho ukuri kuri.

H.F.X.

Komeza ku rup. 13

Risiti y'abacuruzi b'i Kigali bemeye kuniga demokarasi batanga amafaranga muri M.R.N.D. yo gushyigikira inkoramaraso ziyise INTERAHAMWE za Muvoma.

No Amazina

01.KABUGA Félicien : Perezida
02.MUNYANSHONGORE Charles : Visi Perezida
03.RUBANGURA Védaste
04.NTAMUSHOBORA Fidèle
05.MUNYEMANA Emile
06.RUZINDANA Céléstin
07.MUTAGANDA Fidèle
08.MIRONKO François Xavier
09.LUDOVI Augustin
10.B.C.R.
11.BACAR
12.B.K.
13.Union des Banque Populaires
14.BIREKERAHO Gérvais
15.BIZUMUREMYI Pascal
16.MUKEKA Edouard
17.KAPITENI Joseph
18.SEBURIKOKO Fidèle
19.RUTERANA Ananie
20.MUKANIWA Déo
21.LIBANJE Alphonse
22.RUTAGARAMA Boniface
23.GASANA Eugène
24.Mme NYIRAKABOGA
25.MUNYAMPETA Gaspard
26.MANIRAGUHA Jacques
27.KOPE Jean
28.KAREKEZI Télésphore
29.KAYOMBYA Robert
30.MUGWANEZA Jean Huss
31.RUBANGURA Uzzier
32.RUZINDANA Jérémie
33.RUZINDANA Obed
34.RUBASHA Hérmogène
35.NGIRABATWARE François
36.NKUNDABATWARE Venant
37.KAGABO François
38.MYASIRO Mathias
39.KAYIJUKA Thassien
40.RWABUKUMBA Séraphin
41.MUTABARUKA Pascal
42.NSANZUMUHIRE Alexis
43.UKWIZAGIRA Gaspard
44.GASHABIZI Gérard
45.GASASIRA Seleman
46.GAKARAMA Juvénal
47.RUBADUKA Thélésphore
48.KALIMUNDA Gérard
49.DUKUZUMUREMYI Pasteur
50.MBYARIYEHE Gabriel
51.MUJYARUGAMBA Athanase
52.RUTAGANDA Géorges
53.NDAMIYE Claude
54.NKUNDIYEZE Aloys
55.NTEZIYAREMYE François
56.RUCOGOZA Alphonse
57.NZABARINDA François Xavier
58.RUTIKANGA Claver
59.MAKUZA (RWANDA FOAM)
60.MURENZI Jean
61.SEBURIKOKO (Entrepreneur)
62.KAMANA Claver
63.RUSIRARE Jacques

N.B. : — Inama yo gushinga iryo shyirahamwe yateranye le 31/01/92 kuwa ...
— Imigambi yayo tuzajya tuyiba...

Umusomyi w'IJAMBO.
KIGALI.

Tarif de publicité par numéro

	1 page	1/2 page	1/4 page	1/8 page
13 -24 numéros	10.000 FRW	5.000 FRW	2.500 FRW	2.000 FRW
4-12 numéros	15.000 FRW	10.000 FRW	7.500 FRW	7.000 FRW
2 3 numéros	20.000 FRW	15.000 FRW	12.500 FRW	12.000 FRW
1 numéro	30.000 FRW	20.000 FRW	17.500 FRW	17.000 FRS

5.000 FRW pour une couleur autre que la noire ou pour papier couché ou pour couverture externe (dernière page) ou pour première page.

Mugina:

Imidugararo yahitanye umututsi umwe

Muri Gashyantare ishize, abarwanashyaka bambaye imyenda ya M.D.R., bagabye igitero bavuga ko bashaka rukokoma. Bahitanye umututsi umwe: umuntu ushyirwa mu majwi ko yaba yarashoje icyo gitero ni uyobora M.D.R. muri komini Mugina, ngo yigeze kuba umuparimehutu anayobora iyo komini : akaba akeka ko M.D.R. ari Parmehutu ya cyera. Impamvu zihishe ariko ziri mu masambu, nk'uko umwe mu bagiye mu nama yo ku ya 25.02.92 abitubwira.

M.S.: Uko nabibonye, nasanze hari ikibazo abaturage bari bafite muri iyo komini, cyane cyane muri segiteri Cyeru na Kiyonza. Ikibazo igomba kuba cyarakuruwe n'inzuri rusange. Izo nzuri ni ibigarama bavuga ko ari aho bagiye basigira ibita. Ariko izo nzuri zari zigenewe abantu bazituriye, bishyize mu bashyirahamwe; abatari baturiye izwuri cyangwa se babonye inka nyuma ngo ntibari bafite uburenganzira bwo kuragiramo inka zabo.

Ikindi cyaje kugaragara ni uko abaturage bamaze kuba benshi mu masambu bari barakatiwe, bagasanga barabuze aho bahinga; batangira kubona ko izo nzuri zari zikwiye gukatwamo amasambu y'abantu bahinga, cyane abasore bashaka kubaka, babona ko amasambu ba se bari barafashe atakibabagije. Bagomba kuba bari barabigejeje ku butegetsi, hashize imyaka n'imyaka; gusa ubutegetsi ntibwiga kyo kibazo ku buryo buhagije.

Ikindi ni uko abaturage binubiraga yuko izo nzuri cyangwa amasambu y'ibigarama yari yarasigaye, ubutegetsi bwayatangaga budakurikije ubutabera: bwayiheraga abategetsi cyangwa abakozi bakomeye bandi abaturage bayakeneye bayatse bakayabura; ndetse bavugaga ko n'abacuruzi bakomeye bayaguraga na Burugumesitiri.

Byarakururutse cyane, abasore baza kujya muri segiteri Kiyonza, bashaka kwigabiza izo nzuri: umwe akagondagonda akazu, nuko bashaka kuyafata ku ngufu. Ariko ba nyirinzuri babarusha ingufu, barabirukana. Baza muri segiteri Cyeru bubakamo utuzu tw'utwatsi, bahafata ku ngufu.

Ngirango abatutsi bari bake kurusha muri Kiyonza; bituma abo basore barakarira abatutsi bamwe batuye muri iyo segiteri, bafatamo umwe, baramuboha, bamufatamo umwe, baramuboha, bamujugunya mu ruzi; bafata ingo barasenya, ndetse zimwe ziratwikwa; hari n'aho twageze, dusanga urutoki barutemaguye, barumazeho.

Uko nabibonye, n'uko twaganiriye na Perefe, ndetse na Porokireri, baravuga ko ari abo bantu babonye ko kwigabiza izo nzuri bidahagije, ko bashobora kuza bakazibakuramo, noneho kugira ngo baremereze ikibazo, bagirira nabi abatutsi bari bahatuye. Hashobora kuba harajemo n'udushyari. Uwo bishe ni umwe, abandi baratwikiwe barahunga, uretse ko mbere bari barabyumvise, bagahungisha inka zabo n'ibintu bimwe.

IJAMBO: *Ntabwo izo mvururu zatewe n'impunzi z'abarundi bakwije umwuka mubi w'inzangano ?*

M.S.: Mu bibazo numvise mu nama ntabyo numvise, ko byaba byaratewe n'abarundi.

IJAMBO: *Haba harakurikiranwe kuri izo mvururu ?*

M.S.: Porokireri yatubwiye ko kugeza uwo munsi afite lisiti y'abantu 60 bavugwa mu kwica uwo mututsi, no gusenya amazu. Ngo hamaze gufatwa 15, ngo abandi barashakishwa. Ndetse yanasabye ko ababigizemo uruhare bakwigemura, bagasobanura uko byagenze, aho gushakishwa.

IJAMBO: *Umuntu ntiyavuga ko ari abayoboke ba M.D.R. bagiriye nabi aba P.L. ?*

M.S.: si byo ntabwo ari iby'amashyaka. Ni ikibazo cy'abasore b'abahutu bari bababajwe n'ikibazo cy'amasambu batashoboraga kujyamo ngo bahinge; baza kwitwaza ikibazo cy'amoko, noneho ubutegetsi bubone ko bamaze kurambirwa no kutabona igisubizo kuri icyo kibazo. No muri iyo nama yari igenewe umutekano, wasangaga abaturage bibariza iby'inzuri nibyo byari bibababaje. Barashaka ko zivaho zigakatwamo amasambu, bagashaka uburyo bwo kuyaha abayakeneye kurusha abandi.

UMWANZURO

Mu gihembwe cya kabiri cya 1991 abaturage bigabije isambu y'umuntu wagurijwe na B.R.D. ngo yororere muri Ntyazo; muri gashyantare1992 abaturage bo muri Giti bashatse kurya inka za NGIRABAKUNZI wagurijwe n'iyo Banki nawe; none abaturage b'i Mugina biraye mu nzuri z'abatutsi. Biriya byerekana ko ubutegetsi bukosa iyo buha amasambu abifite, naho abatunzwe no guhinga bakicwa n'inzara. Umuti si ukwambura ku ngufu uwahawe isambu n'ubutegetsi mu nzira zizwi, ariko umunsi abaturage bashatse kwisubiza iby'abanyamafaranga bafashe, ntituzabyinubire: niko revolisiyo zikorwa.

H.F.X.

Bakirisito ba Kiriziya Gatorika muraryamire amajanja:

Abapadiri b'abatutsi bo muri diyoseze ya Butare bakomeje gutoteza abahutu. Ngaho namwe nimwisomere ibinyoma bandikiye intumwa ya Papa mu Rwanda.

Iyi nyandiko twayibonye twagowe. Twikubise ku mupadiri aradutsembera, atwohereza ku wundi; umupadiri batwoherejeho ati ntayo mfite, ati: nayisomeye ku ntumwa ya Papa. Burya ariho hariho n'abatutsi beza, hari uwumvise ikibazo cyanyu arayiduha.

Gikongoro le 10 novembre 1991.

Son Excellence Révérendissime
Mgr Giuseppe BERTELLO
Nonce Apostolique au Rwanda
B.P. 261 KIGALI.

Objet: Candidature de l'abbé
A. MISAGO
au Siège de GIKONGORO.

Excellence Révérendissime,

Nous, Prêtres du diocèse de Butare, Zone de Gikongoro, avons l'honneur de vous faire part de notre indignation concernant la candidature de l'abbé A. MISAGO, actuel Recteur du Grand Séminaire de Nyakibanda, pour le Siège épiscopal de Gikongoro.

Ces derniers temps, des bruits courent, si ça ne peut vant être que des bruits, que des enquêtes sont en cours pour la provision du nouveau diocèse de Gikongoro, et un seul nom circule concernant le prochain titulaire: l'abbé Augustin MISAGO.

Excellence Révérendissime, sans vouloir empiéter sur le droit de la conférence Episcopale de constituer la tenue des candidats à l'Episcopat et reconnaisant le droit du Saint Siège de désigner qui il veut, nous voulons toutefois vous donner quelques observations sur le candidat en question:

1. *Il est vrai que l'abbé A. MISAGO est un prêtre intelligent. Cela se voit à ses écrits. Il a cependant un grave défaut de communication à cause du bégaiement très prononcé. Dans ses prédications, ses cours et ses conférences, il est très difficile de savoir ce qu'il dit, tellement son bégaiement est fort.*
2. *Un pasteur de la trempe que nous souhaitons est celui qui a une santé solide. L'abbé MISAGO est un asthmatique chronique. Des crises régulières rendent difficiles les levers le matin et son programme est souvent conditionné par son état de santé.*
3. *Malgré son intelligence hors du commun, c'est un type dispersé, rêveur, qu'il faut souvent réveiller pendant la messe où il est souvent présent de corps, mais loin d'esprit. A cela, il faut ajouter ses tics qui font de lui une personne plutôt originale, bizarre. Invitez-le à table et vous apprécierez !*
4. *Sûr de lui même, il est peu collaborant et autoritaire; il inhibe les initiatives de ses collaborations et pour lui les réunions ne sont pas des lieux d'échange, mais des occasions pour ratifier ce que le maître a pensé pour les autres.*
5. *Il manque de prudence. Combien de fois, sous prétexte de mener des investigations sur les apparitions de Kibeho, ne se livre-t-il aux visites de paroisses de cette zone, posant des questions tendacieuses du genre: "Qui croyez-vous qu'il sera Evêque de Gikongoro ?" Ou encore: "Croyez-vous qu'un candidat du Nord du Pays serait-il accepté de Gikongoro ?". Nous croyons que, pour quelqu'un qui soupçonne que ce candidat pourrait bien être lui, ce comportement, si innocent serait-il, manque de prudence et de sagesse.*
6. *Enfin sa nomination loin de contribuer à l'unité de l'Eglise du Rwanda, ne ferait que rendre plus profond le fossé qui sépare déjà une partie de l'Episcopat rwandais Originaire du Nord du Pays et celle de provenance du reste du Pays. Certains fidèles, considérant le Fil des nominations déjà faites n'hésitent pas à parler d'une véritable conquête organisée du Sud par le Nord. Il ne faudrait donc pas donner raison à cette politique malsaine au sein même de notre Eglise. Nous croyons qu'en faisant un plus d'effort des candidats capables peuvent aussi être trouvés dans les autres parties du Pays.*

Excellence Révérendissime, en toute conscience et devant Dieu, voilà ce que les prêtres de Butare, zone Gikongoro, avaient à vous communiquer concernant cette provision si délicate. Nous nous sentions le devoir de vous le dire, pour vous éviter des erreurs regrettables dans la décision du Saint Siège pour la provision de ce diocèse. Nous le faisons en Eglise et pour le bien de notre Eglise. Pour cela nous envoyons la copie de la présente à votre Evêque, Mgr Jean Baptiste GAHAMANYI.

Veuillez croire, Excellence Révérendissime, à l'expression de nos sentiments bien respectueux.

Les Prêtres de Butare Zone Gikongoro.

C.P.I à:
Mgr J.B. GAHAMANYI
Evêque de BUTARE
B.P. 224 BUTARE.

Kiliziya Gatorika: Abapadiri b'abatutsi baramaranira kuba abepiskopi

Abapadiri b'abatutsi noneho bemeye kujya ahagaragara. Ntibagitinya kwandika ibyo batekereza, n'urwango bafitiye abahutu n'ubwo inyandiko zanditswe n'ingirwa bapadiri b'abatutsi ni nyinshi. Zose usanga zigaragaza ubugome, ubugambanyi n'ubuswa bivanze n'ubupagani. Inyandiko abapadiri biyise abo mu karere ka Gikongoro baherutse kwandikira Musenyeri GIUSEPPE BERTELLO uhagarariye Papa mu Rwanda ku ya 10 ugushyingi 1991, igaragaza, ku buryo burenze ubwenge, imigambi y'abatutsi yo gukandamiza Gahutu.

Mu by'ukuri bariya bapadiri b'abatutsi biyise abo ku Gikongoro bashatse kuyobya amarari. Twese tuzi ukuntu abatutsi bashatse kwigarurira Kiliziya kuva aho bamariye kuvanwa ku butegetsi na Revolisiyo ya rubanda yo mu 1959. Abatutsi rero iyo babonye umuhutu winjiye mu iseminari cyangwa se mu miryango y'abihayimana, usanga bagize ishavu ryinshi. Ubwo bahita bamurwanya, bakamubeshyera ibyo atakoze. Iyo bamwirukanishije, bararyama bagasinzira.

Ibyo ntawe ukibishidikanya ho. N'ubwo abahutu bihaye Imana ari bake cyane kubera kwirukanirwa ubusa no gutotezwa, uwagize amahirwe agacika ku icumu, usanga koko ari intangarugero. Ibyo bibaza cyane abatutsi bakamuhigira hasi kubura hejuru. Mu gihe abapadiri b'abatutsi biririwa bavangura amoko, bakora ibiterasoni nk'ubusambanyi, bakwiza impuha, bagambana, usanga umuhutu wagize amahirwe yo kugera ku busaserdoti ari umuhuza nyawe w'Imana n'abantu.

Padiri MISAGO atoterezwa iki ?

Abakurikiranira hafi ibibera muri kiriziya gatolika y'u Rwanda, bazi neza ko igituma abapadiri b'abatutsi batagisinzira ari uko hari imyanya itatu y'ubwepiskopi iri hafi gutangwa. Hari Diyoseze ya Gikongoro igiye gushingwa igatandukana n'iya Butare. Hari kandi umwanya i Kibungo kuko Musenyeri SIBOMANA Joseph agiye guhabwa pansiyo, hakaba n'umwanya ku Kibuye kuko Diyoseze ya Nyundo izasigarana gusa igice kigizwe na Perefegitura ya Gisenyi.

Ingorane padiri MISAGO ubu uyobora seminari nkuru ya Nyakibanda afite, zatewe n'uko ari umuhutu, bityo abapadiri b'abatutsi (uhereye ku bigisha i Nyakibanda) bagatinya ko yatorerwa kuyobora imwe muri ziriya Diyoseze. Mu ibarwa bandikiye intumwa ya Papa mu Rwanda, abapadiri b'abatutsi biyemereye ko padiri MISAGO ari umuhanga ku buryo budasubirwaho. Bati "ibyo bigaragarira mu nyandiko ze". Abo batutsi ariko bongeraho ko bababazwa n'uko padiri MISAGO akomoka mu majyaruguru y'u Rwanda. Padiri MISAGO akomoka i BUNGWE muri BYUMBA. Bakomeza bemeza ko aramutse abaye Musenyeri, abakiga baba bakolonije abanyenduga.

Nyamara ariko igitangaje kurushaho, nuko mu ibarwa yanditswe n'abapadiri b'abatutsi barimo NTAGARA, HATEGEKA, KARISA nabandi, usanga bagaya abepiskopi gatorika kuko bari banditse bemeza ko imyanya mike iri mu mashuri no mu butegetsi, ikwiye gusaranganywa.

Ngaho namwe nimumbwire. Mu kanya kamwe abapadiri b'abatutsi bati ntidushyigikiye iringaniza. Mu kandi kanya bati ntidushaka ko abakiga bagirwa abepisikopi mu Nduga. Ni akumiro. None se koko byakumvikana bite ko Kiliziya yaba ikeneye umwepisikopi wo kuyobora umukumbi w'Imana, ikajya gushyiraho umututsi uronda amoko, w'umuswa, w'umusambanyi ngo ni uko ari umututsi ukomoka muri Gikongoro cyangwa muri Butare ?

Turasaba intumwa ya Papa mu Rwanda kwitondera ibinyoma bya bariya bapadiri b'abatutsi, kuko bishobora gutera imidugararo muri kiriziya y'u Rwanda.

Kugeza ubu abepisikopi b'abatutsi ni benshi cyane ugereranije n'umubare w'abatutsi batuye u Rwanda. Twese turibuka ko amahano yakozwe na Musenyeri BIGIRUMWAMI igihe yayoboraga diyoseze ya NYUNDO. We ubwe yatanze amabwiriza yuko nta muhutu ugomba kwemererwa mu iseminari. Kandi koko yabigezeho. Ubu muri diyoseze ya NYUNDO abapadiri b'abahutu bariyo babarirwa ku ntoki. Ntibarenze icumi mu bapadiri basaga ijana. Irondamoko rikomeje gukorwa muri Diyoseze ya KIBUNGO (nta mupadiri w'umuhutu ubayo) rikomeje gutera inkeke. Nta muhutu wiga mu iseminari y'i ZAZA ngo aharangize abatutsi batamwirukanye. Muri diyoseze ya Butare ho birenze ibivugwa. Mu bapadiri 120 harimo abahutu batarenze 14.

Irondamoko kandi urisanga muri Diyoseze ya Cyangugu. N'ubwo umwepisikopi waho NTIHINYURWA Tadeyo ari umuhutu, ibyo ntibibujije ko abapadiri hafi ya bose ari abatutsi. Ab'inkwakuzi mu gutoteza abahutu ni abitwa MARYOMEZA, NDORIMANA n'abandi. Mu minsi iri imbere tuzabagezaho ku buryo burambuye akaga k'abahutu muri ziriya Diyoseze. Ikibazo kihutirwa ni ukumenya abapadiri bandika ziriya nyandiko, akenshi ntibashyiraho amazina yabo, bitwaje gukorera Imana. Umenya bataramenya ubuzima bwa Yezu hano ku isi.

Ni abahe bapadiri bifuza ubwepiskopi ?

Igisubizo kiragoye kandi kiroroshye. Abapadiri birirwa bamaranira ubwepisikopi, bigatuma bataryama, ni abatutsi binjiye mu maseminari Imana itabahamagaye, ahubwo bishakira ubutegetsi muri kiriziya kugira ngo bakomeze gukandamiza mwene gahutu.

Kugeza magingo aya, abapadiri b'abatutsi bashyirwa kuri lisiti y'abashobora kuba abepisikopi ni benshi. Hàri uwitwa NIYITEGEKA Alfred uyobora seminari nkuru ya RUTONGO. Uwo mugabo azi ko amahirwe ye abaze kubera imyifatire ye idahwitse mu bakobwa. Undi mututsi ni uwitwa MUTABAZI wo muri Diyosezi ya Kibungo akaba n'igisonga cya Musenyeri SIBOMANA. Abatutsi b'i Kibungo barahagurutse barahagarara ngo barashaka ko RUKAMBA umututsi wigisha muri seminari nkuru y'i KABGAYI agirwa umwepisikopi wa Kibungo, cyangwa se MUTABAZI akaba ariwe ufata uwo mwanya. Nibitambe. None se ko nta muhutu ushobora kugera ku busaseredoti i Kibungo mubona byagenda bite ? Abatutsi ntibamukundira.

Hari kandi abapadiri b'abatutsi bigisha muri seminari nkuru ya Nyakibanda birirwa bareba mu birere bategereje kugirwa abepisikopi. Muri bo twavuga MBONYINTEGE, RUBWEJANGA, KABAYIZA, RUBINGIZA, MARYOMEZA n'abandi. Mu iseminari nkuru y'i KABGAYI hari RUKAMBA, na NYIRIBAKWE, abo bose bitangira gushaka imyanya y'ubwepisikopi.

Abandi bapadiri b'abatutsi bashyizwe mu majwi muri iyo ntambara yo kurwanira imyanya ni NIYOMUGABO uyobora paruwasi ya Cyanika akaba yarahunze mu w'i 1973 amaze guteza imvururu mu iseminari nto y'i KANSI. Nubwo yiyemeje kugaruka mu Rwanda; mu byukuri ntabwo usanga hari icyo yahinduye mu mibereho ye. Hari kandi MUBILIGI ushinzwe gucunga umutungo wa Diyosezi ya Butare (Econome Général) na MUNGWARAREBA Modeste uyobora seminari nto ya KARUBANDA wafunzwe mu by'Inkotanyi. Undi mupadiri uteye ubwoba ni uwitwa KABAYIZA Callixte urangije amashuri muri CANADA akaba azwiho kuba yarabaye umunyamabanga w'Inkotanyi muri canada mu rwego rw'akarere. Kwiha Imana byabaye umukino.

Muri Diyosezi ya NYUNDO haravugwa HATEGEKA igisonga cya Musenyeri KARIBUSHI, akaba yarabaye icyamamare mu gusuzugura no gutuka abepisikopi bacu. Hari na none NTAGARA Augustin wafashe iya mbere mu gufatanya n'Inkotanyi (Aumônier); yarafunzwe none ubu yagizwe umwere.

Abahutu batazotezwa kugeza ryari ?

Nubwo bariya bapadiri b'abatutsi bifuza ubwepisikopi, biragaragara ko bidashoboka kuko imyanya ihari ari itatu gusa. Ibyo ariko ntibibabuza kwikoma no gutoteza abapadiri b'abahutu bakikoma n'abepisikopi ba kiriziya gatolika ngo nibo bababuza guhabwa ubwepisikopi.

Abapadiri b'abahutu batotezwa bazira akamama ni benshi. Usanga abatutsi birirwa bahimba ibinyoma ngo batazagira umuhutu n'umwe uba umwepisikopi. Turibuka ukuntu intungane LINGUYENEZA Vénuste yatotejwe i Butare kandi na n'ubu bigikomeza kubera ko ari umuhutu. Abatutsi batinya ko uyu musaseredoti ashobora kugirwa umwepisikopi kubera ko ari intangarugero kandi akaba umuhanga byimazeyo. Afite impamyabushobozi y'ikirenga muri tewolojiya. Cyakora ubu LINGUYENEZA yagize agahenge aho agiriwe umuyobozi wa seminari nkuru y'i KABGAYI. Naho ubundi abapadiri b'abatutsi b'i BUTARE bari bamumereye nabi. Padiri MISAGO nawe bamuziza ko ari umuhanga akaba n'umusaseredoti w'intangarugero. Hari kandi na padiri SIMONI uyobora seminari y'i NKUMBA na BIMENYIMANA uyobora Saint-André bose batotezwa bazira ubwoko bwabo.

Abakuru ba kiriziya y'u Rwanda bakomeje gusaba abepisikopi ba kiriziya gatolika gushishoza. Kuko guha ubwepisikopi abatutsi bavangura amoko nka RUBWEJANGA, MUTABAZI, na MUBILIGI nta kindi byatanga uretse guteza amacakubiri mu gihugu. Ahubwo nibihutire gukomeza kuvugurura kiriziya bahereye kuri seminari nkuru zahindutse indiri z'abatutsi. Turasaba kandi ko abahutu bakwemererwa kwiga muri seminari nto kuko kugeza ubu batemererwa neza. Muri seminari yo ku NYUNDO, i BUTARE, i KIBUNGO nta muhutu wemererwa ku buryo bworoshye kwiga mo. Turifuza kandi ko no muri seminari nto y'i KABGAYI, KIGALI na RWESERO bakwita kuri icyo kibazo. Dusanga ari ngombwa gushaka uburyo abapadiri n'abihay'imana bagaragaweho no kuronda amoko basezererwa ntibakomeze kumunga kiliziya.

NIYIGENA Jean Pierre

Perefe wa GISENYI avugwaho rusw

Perefe BIZIMUNGU Côme avugwaho kuba ya raguriwe imodoka n'umugabo KAPITENI w muri Zaïre. Iyo modoka ngo irakora muri Gi shwati aho yoherejwe. Tuzabibaha neza mur ino minsi.

No mu miryango y'Abihayimana Abahutu bakomeje kurengana

Ku basomyi b'ikinyamakuru IJAMBO, mwese mwese mbanje basuhuza cyane cyane Bwana NYASIRO Jean Paul wabashije kuvwira uko Abahutu bo mu Isemini nkuru y'i NYAKIBANDA bamewe. (IJAMBO N° 33). Kubera ko sanze atariho barira gusa niyemeje kubagezaho ukuntu Abahutu bo mu yindi miryango y'Abihayimana (Congrégations religieuses) bamewe.

Ntiriwe nsubira mu mateka y'u Rwanda, muzi mwese ukuntu kuva ku Abihaye Imana b'Abazungu (les missionnaires) bagiye borohereza Abatutsi kwinjira mu masemineri bari bamaze gushinga. Akaba niyo mpamvu kugeza n'ubu abapadiri b'Abatutsi bakomeje kwiyongera. Byarakomeje rero no mu bihayimana uwo muco mubi uba akaramde kubera Abatutsi baranzwe no kubana neza n'abazungu kubera barimi kabo keza, uburyarya no kuba bamwe mu Batutsikazi ari indaya z'Abazungu. Ibyo byatumye mu miryango y'Abihaye Imana bakira abana b'Abatutsi kuko ari bo bari bazwi kuva kera naho Mwene Gahutu yarakandamijwe ndetse no kwa Padiri! Ingero ni nyinshi, tugiye ku'i Butare, ibintu ni amayobera! Twibuke ko akarere ka Butare ari ko gafite imiryango myinshi y'Abihayimana: abapadiri, ababikira n'abafurere, ndetse myinshi muri iyo miryango iyoborwa n'abazungu. Igiteyengaje rero ni irondamoko riharangwa. Iyo ugize Imana ukinjiramo uri Umuhutu cyangwa Umuhutukazi, dore ko bidakunze gushoboka, ntabwo utera kabiri udatashye, rimwe na rimwe ucyuwe na bagenzi bawe b'Abatutsi, kuko bakubonamo umwanzi wabo, bakagusebya bakagutoteza nawe ugahitamo kwigendera. Uba uri Nyakamwe, nta kundi byamera. Ikindi kandi Abazungu bakunda kwemerera Abatutsi gusa mu miryango yabo, ntawamenya impamvu... Uwagira ngo ndabeshya yanyarukira mu Bayezuwiti (Jésuites). Harimo abapadiri 18 b'Abanyarwanda. Muri bo harimo umuhutu 1 gusa! Mu babikira b'Aba Ogiziriyatirisi (Soeurs Auxiliatrices) "condition ya mbere yo kwinjiramo ni ukuba Umututsikazi ibindi bikaza nyuma. Mu Benebikira ho ni urundi rwego... Ngo "Nyiramaso yerekwa bike ibindi akirebera"!!!

Mu Bapadiri b'abapallotini (Pères Pallottins) ho agahomamunwa, ni akumiro pe! Banga abahutu kakahava dore ko bajya bacikwa bakabyivugira. Mu muryango wabo biraruhije kwinjiramo uri umuhutu ngo umare kabiri batarakwereka ko Imana itagushyaka muri uwo muryango. Aha ariko twaje kumenya impamvu, ni uko abo bapadiri bakunda indaya z'abatutsikazi byahebuje ndetse ku buryo bamwe bafitaniye abana bazwi, ibyo bigatuma nta bundi bwoko bashyikirana nabwo, barangije kubacengezamo ko ubwoko bw'Abahutu ari bubi kandi ko ngo nta muhutukazi uba mwiza na busa! Niyo mpamvu biyemeje kubana n'Abatutsi gusa kuva ku bakozi bo mu busitani, mu gikoni, ku barimu (bigisha abasore n'inkumi bashaka kwiha Imana, dore ko hafi ya bose b'i Butare ariho biga), tutibagiwe n'abo barera. Uwashaka guhinyuza yanyarukira mu ba Palotini i Buye, azareba yumirwe.

Si aho gusa kuko mu ba Furere b'Abashariti (Frères de la Charité) nibabura abasore b'Abatutsi binjiramo aho bukera umuryango wabo urasenyuka mu Rwanda. Dore nawe muri uyu mwaka bari bapfuye kwemerera abasore 2 Isidore na Callixte b'Abahutu. Binjiyemo maze babahata isuka ngo ni bahinge kuko Umuhutu aricyo yaremewe. Uwo wari umugambi ubashinzwe yacuze kugira ngo abananize dore ko yababonaga isindwe (iseseme nyinshi cyane) ikamwica. Ibyo ariko basanze bidahagije kuko Umuhutu ku isuka ngo ni nk'indege yihuta cyane mu kirere cy'umusesure! Babongereyeho "iposho": nimugoroba bafashe akazi ko gukorera isuku imbwa: aho zirara ndetse nazo ubwazo bakazoza! Abakuru babo bitwazaga ngo ushaka kwiha Imana agomba kumvira muri byose. Sinzi niba imbwa zose zo mu Rwanda zuhagirwa buri munsi nk'izo mu ba Furere b'Abashariti. Ari ibyo rero aho bukera umwanda urazihitanye kuko mbona abihayimana b'Abahutu bakomeje kuba mbarwa!!! Ubwo mvuze aho siniriwe mvuga indi miryango mwene Gahutu akomeje gutotezwa nko mu bafurere ba Mutagatifu Gaburiyeri (Frères de Saint Gabriel). Umuntu yakwibaza rero niba benshi mu bihayimana atari "Ingirwabihayimana", niba atari ibisahiranda gusa.

Abasigaye rero abasore n'inkumi b'Abahutu bifuza ko ibyo bintu byahinduka, Abihayimana (niba koko ari Yo bihaye) bikubite agashyi, babere urugero abandi muri byose. Bibuke ko Kristu yatubwiye ko twese turi bamwe, bitabaye ibyo baba badindiza Ivanjili mu Rwanda bagasenya Kiliziya, kandi ibyo nibyo basigaye bakora. Twemeze se ko mu Rwanda Imana ari iyo "Abatutsi n'Abazungu gusa? Turasaba abakuru ba Kiliziya Gatolika bituramiye bahaguruka gushakira umuti icyo kibazo, niba nabo atari uko! Ndangije nongera gushimira abahagurukiye bose kurwanya ivangura ry'amoko muri Kiliziya y'Imana ya hano mu Rwanda. Nshimiye ku buryo bw'umwihariko Ubwanditsi bw'IJAMBO bwemeye kugeza iyi nkuru kuri Rubanda.

MURAKARAMA!
NYABIGUMA Elifazi
Butare

Mugure IJAMBO

Uguze IJAMBO guhera kuri n°40 ashobora kuzegukana igihembo kingana n'umushahara we. Ibihembo biri hagati ya 1 Frw na 100.000 Frw biteganirijwe umwe mu bazaba baguze IJAMBO guhera kuri n°40. Ibisobanuro bizaza ubutaha.

Spécial IJAMBO N° 39 du 31 mars 1992.